



ADA Australia

Your aged and disability advocates

Serivisi z'ubufasha bw'abageze mu za bukuru

Ni ubuntu kandi ni ibanga,
Uruhare rwawe, ijambo ryawe

(Kinyarwanda (Rawanda)/Kinyarwanda)



- Waba ugeze mu za bukuru kandi ukeneye ubufasha mu rugo?
- Waba uzi serivisi z'abageze mu za bukuru zihari zo gufasha abageze mu za bukuru?
- Waba ukeneye ubufasha mu kubona serivisi z'abageze mu za bukuru?
- Waba ufite ibibazo bijyanye na serivisi zo mu za bukuru ubona ubungubu?

Abageze mu za bukuru muri Australia bafite uburenganzira bwo kubona serivisi n'ubufasha bw'abageze mu za bukuru Hari uburyo butandukanye wafashwamwo. Ushobora kubona:

- serivisi zo mu za bukuru zigufasha mu rugo kubaho wifashije ubwawe
- ubufasha bw'igihe gito bwagufasha kugira ngo wongere utore akabaraga, nyuma y'impanuka cyangwa uburwayi
- umwanya mu mazu abamo abageze mu za bukuru mu gihe utagishoboye kuba mu rugo iwawe.

Twagufasha gute?

ADA Australia itanga abavugizi bagufasha:

- kumenya serivisi zihari
- kubona serivisi z'ubufasha no kwitabwaho
- kubona ubufasha bwose bushoboka muri serivisi z'abageze mu za bukuru
- kumenya ibiciro nuko wishyura serivisi z'abageze mu za bukuru
- gukemura ibibazo cyangwa kugaragaza ibitagenda bijyanye na serivisi uhabwa zo mu za bukuru
- kumenya uburenganzira bwawe kandi no kumenya ko ufashwe neza mu cyubahiro kandi mu buryo butabogamye
- kugira ijambo mu bufasha uhabwa no mu bintu byakugiraho ingaruka.

Ubuwugizi ni iki?

Ubuwugizi butanga ubufasha butuma usobanura ibyo wifuza kandi ukanivugira ku burenganzira bwawe n'ibyo ukeneye Umuvugizi wa ADA Australia ntaho abogamiye kandi yumva uko umerewe akagufasha gukemura ibibazo.

Umuvugizi ari ku ruhande rwawe kandi ayoborwa n'icyo ushaka. By'umwihariko, bazarinda ibanga ryawe kandi ntibazavugana nuwo ariwe wese keretse ari wowe ubishatse.

Serivisi zacu ni:

- Ubuntu, Ibanga, Zirigenga
- Ziyoborwa nawe

Vugana natwe 1800 700 600



Niba ukeneye umusemuzi hamagara 131 450

imeyiri: info@adaaustralia.com.au

urubuga: www.adaaustralia.com.au



ADA Australia yemera Abasangwabutaka b'iki gihugu kandi ikubaha Abasaza, bahise, ab'iki gihe, n'abazaza.

